REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
Po Box: 657 Kigali

ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga akazi ku bakozi b'igihe gito bagengwa n'amasezerano y'umurimo (Under contract staff):

1.Abajyanama mu by'Amashyamba ku rwego rw'Imirenge: 10

Usaba akazi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba afite impamyabushobozi/ impamyabumenyi y'Amashuri atandatu Yisumbuye mu birebana n'Amashyamba (A2 Forestry) n'Ubuhinzi(A2 Agronomy).
- Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igihano cy'igifungo cy'amezi atandatu no hejuru yacyo;
- Kuba atarigeze yirukanwa mu kazi ka Leta;
- Kuba ashobora gukorera mu Murenge uwo ari wo wose mu Karere ka Kicukiro;
- Kuba afite uruhushya rwo gutwara («moto» (Driving licence category A) byaba ari akarusho.

N.B: Amasezerano y'umurimo kuri uyu mwanya w'umurimo ni ay'igihe cy'amezi atandatu ashobora kongerwa mu gihe umukoresha abonye ari ngombwa.

Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

Ifishi isaba akazi yujujwe neza, iboneka ku rubuga rwa Komisiyo y'abakozi ba Leta www.psc.gov.rw;
Fotokopi y'impamyabumenyi/ impamyabushobozi yasabwe ku mwanya w'umurimo, itariho umukono wa Noteri;
Fotokopi y'indangamuntu;

Dosiye zisaba akazi zigomba kuba zageze mu Bunyamabanga rusange bw'Akarere, bitarenze tariki ya 12/07/2018 i saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Bikorewe i Kicukiro, kuwa 05/07/2018.

AKARERE KA KICUKIRO

Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne
Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro